

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA Madamu Jeannette KAGAME**

**MURI AERG GIRLS DINNER**

**Green Hills 1 Ugushyingo 2013**

Ba Nyakubahwa Bavandimwe Sisters and Brothers mwatwemereye kuba Mentors!

Bakobwa bana bacu, Mwiriweho?

Uyu mugoroba duhuriye hano mu rwego rwo kuganira no gusabana nk'Ababyeyi, Abavandimwe n'abana bacu. Tariki, **6 Ukwakira 2013 I Rwamagana**, Ubwo hasozwaga umwiherero w'Abanyamuryango ba AERG b'Abakobwa batangiye mu mashuri makuru atandukanye mu Rwanda; nemereye aba bana bacu ko tuzafatanya muri gahunda yabo ya "**mentorship**" nka kimwe mu byo Umuhuzabikorwa wa AERG yatugejejeho ko bakeneye.

Ni muri urwo rwego rero uyu munsu nifuje ko duhura kugira ngo turebe uko twashyira mu bikorwa ibyo twabemereye. Muri Fondation Imbuto, iyi gahunda turayisanganywe mu banyeshuri biga mu mashuri yisumbuye, ndetse ku bakobwa n'abahungu.

Muri iyi gahunda twifashisha abakobwa twahembye, twita ba "Best Performing Girls" ubu biga muri za kaminuza cyangwa barangije bakajya gukorera mentorship abakobwa bo mu mashuri yisumbuye nabo twahembye bageze kuri **350 (Magana atatu na mirongo itanu)**.

Ikindi cyiciro dukorana ni abasore n'inkumi bishyize hamwe, bari mu mirimo itandukanye, badufasha gukorera mentorship abana b'abakobwa

n'abahungu nabo biga mu mashuri yisumbuye bageze kuri **125 (ijana na mirongo itanu)**.

Ubu rero hiyongereyeho n'aba turi kumwe hano bageze kuri **328**, tukaba twariyambaje mwebwe inshuti n'abavandimwe dusanzwe dukorana muri gahunda zitandukanye kandi tuzi neza ko muri abantu babishoboye.

Nagira ngo bana bacu mumfashe dushimire aba babyeyi n'abavandimwe nasabye kudufasha muri iyi gahunda none bakaba babyitabiriye. Ubwo twahuraga nabo ejo bundi tubitegura byagaragaye ko iyi gahunda bayumva neza kandi babishyigikiye ahubwo byari byaratinze kuko abenshi muri bo bari basanzwe babikora cyangwa babifite ku mutima ahubwo ubu babonye urubuga rwo kubikora.

Dusoza umwoherero i Rwamagana, nibukije aba bana ko ntawasiba amateka yatubayeho, ntawabasha gusimbura ababyeyi n'abavandimwe batagifite ariko ko bafite igihugu n'ubuyobozi buzima kandi burimo ababyeyi! Ndabashimiye rero kuba mwaremeye kumfasha kubereka ko ibyo nababwiye ari ukuri.

Muri rusange abana batangira kaminuza, bahura n'ingorane zitandukanye kubera ubuzima bushya baba binjyemo. Ni urugendo abenshi baba batangiye nta muntu mukuru yaba umubyeyi cyangwa undi murezi uberekera inzira, ubashyiraho igitsure igihe bagiye kuyoba, ubashima igihe bakoze neza. By'umwihariko rero turabizi ko aba bana b'abakobwa bacitse

ku icumu bongeraho n’umwihariko w’ibindi bibazo bituruka kuri jenocide yatubayeho.

Ndumva Coordinateur wa AERG yaratubwiye ko mu banyamuryango **3957** b’abakobwa batangiye kaminuza mu 2012, abakobwa **48** batwaye inda, **32** bagahita bava mu ishuri. Murumva rero ko hari ikibazo. Ibi kandi si umwihariko wabo gusa, biba no mu bandi bageze mu buzima bwa Kaminuza. Burya no mu bahungu hari abahura n’ingorane gusa nuko ingaruka zitangana iyo bibaye ku mwana w’umukobwa.

Si icyo kibazo cyo gutwara inda gusa kuko bafite n’ikibazo cyo kutamenya guhitamo amasomo bashobora gukurikira kandi akabagirira akamaro, ibikomere bituruka ku mateka bacyemo, kutiyizera, kubura uwo bagisha inama n’ibindi...

AERG isanzwe ikora peer mentorship igendeye ku buryo busanzwe bwa “*famille*” Abanyamuryango ba AERG basanzwe bakoreramo, tubonereho n’umwanya wo kubashimira ko nubwo mwari bato ariko mwagerageje kurerana mu gihe twe abenshi mu bantu bakuru twari twihugiyeho. Ariko rero ubu twiyemeje gufatanya muri uko kurerana musanganywe! Murabitwemereye?

Bakobwa bacu rero, mubonye abavandimwe, ababyeyi bo kuberekera, kubatega amatwi, bakabafasha kububakamo icyizere, kubafasha kumenya guhitamo neza no gukorana intego. Ntabwo twabizeza ko ibibazo byose mufite bazabikemura ariko bazaberekera uburyo mwabyitwaramo.

Bana bacu, abenshi bari hano bakora mu nzego zitandukanye, bamwe mu babyeyi mubona aha twabatoranyije kuko tuzi ko babishoboye ntabwo twabatoranyije ngo ni uko ari ba Mukakanaka. Kera bavugaga ko agaciro k'umukobwa cyangwa umugore ari umugabo, ndizera ko mwe mudatekereza gutyo ahubwo mwemera ko agaciro kanyu ari mwe mukiha!

Uyu mwanya rero ntabwo ndibubabwire byinshi. Ibyo twiyemeje uyu muni ndetse abenshi dusanzwe dukora tugiye kuganira ku buryo byakorwa, tumenyane kandi ndizera ko umuhigo twihaye none tuzawugeraho.

Sinasoza ntababwiye ko icyifuzo twe dufite muri Fondation Imbutu, ari uko ibi mwazabikomeza no ku bazabakomokaho tutazabasha kugeraho, maze bikazaba uruhererekane rwo gufashanya no kuzamurana.

Nongere mbibutse ko mukwiye kudufasha kubafasha! Aba bavandimwe baduhaye umwanya wabo uhenze! Ntimuzabatenguhe !

Murakoze

Mugire umugoroba mwiza